Rwanda Standards Board

ISO 9001 Certified

# ITANGAZO

## Guhamagarira ababyifuza kwitabira amahugurwa yo gushyira mu bikorwa HACCP

Ikigo cy'igihugu gitsura ubuziranenge (RSB) kigira gahunda ihoraho yo kongerera ubumenyi ku mabwiriza y'ubuziranenge n'ishyirwa mu bikorwa ryayo ku nzego za leta n'abikorera mu rwego rwo kurushaho kunoza ubuziranenge n'ubwiza bw'ibicuruzwa ndetse hanatangwa serivisi zinoze mu kubafasha guhiganwa ku isoko ry'imbere mu gihugu, iryo mu karere ndetse n'iryo ku rwego mpuzamahanga.

Mu rwego kandi rwo kurushaho kwimakaza umuco w'ubuziranenge no kunoza imikorere, Ikigo cy'igihugu gitsura ubuziranenge (RSB) kinatanga ubufasha mu bya tekiniki mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amabwiriza y'ubuziranenge ku bigo bibyifuza.

Ni muri urwo rwego RSB yateguye amahugurwa ikaba iboneyeho guhamagarira ibigo ndetse n'abantu ku giti cyabo babyifuza kwiyandikisha mu mahugurwa ajyanye n'uburyo bw'imikorere iboneye ifasha mu gutunganya ibiribwa byujuje ubuziranenge "***Food Safety Management System based on Hazard Analysis and Critical Control Points (HACCP) — Requirements for any organization in the Food Chain***" hashingiwe ku ibwiriza ry'ubuziranenge RS 184:2023. Aya mahugurwa azamara iminsi itanu agamije kwigisha abazayitabira gusobanukirwa amahame y'ingenzi ya *HACCAP* ndetse n'ibigomba kubahirizwa biteganywa n'ibwiriza ry'ubuziranenge RS 184:2023. Abazayitabira kandi bazigishwa uburyo bwababafasha kubishyira mu bikorwa.

Aya mahugurwa azaba kuva tariki ya **11 kugeza ku wa 15 Ukuboza 2023** k'**Ubumwe Grande Hotel**, i Kigali. Abashaka kuyitabira basabwe kuzuza ifishi yabugenewe bakayohereza kuri RSB bitarenze tariki ya **21 Ugushyingo 2023**. Igiciro cy'ayo amahugurwa kingana n'amafaranga 236,750 akubiyemo igiciro cy'amahugurwa kingana n'amafaranga 61,750 hamwe n'igiciro kingana n'amafaranga 175,000 y'icyumba cy'inama, ifunguro rya saa sita ndetse n'ibyo kunywa.

Uwifuza kwiyandikisha yakwifashisha umurongo ukurikira: ***https://forms.gle/pyTqioi9RBf8iQcc8***
Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwe kuzuriza buri mukozi iye fishi.

Ku bindi bisobanuro wahamagara **MUKABAYIZERE Denyse Joy** kuri telefoni igendanwa **+250788212673** cyangwa ukamwandikira kuri email dj.mukabayizere@rsb.gov.rw

Bikorewe i Kigali, kuwa 10/11/2023

**MURENZI Raymond**
**Umuyobozi Mukuru**